-.K.H.

RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 22 Mars 1956.-

IMPAMVU:

Nº 475/A.I.

Urubanza rwa Biziraguteba
na RUGEMINTWAZA.-

ASTRIDA
2358

Ku Mutware w'Umusozi RUGEMINTWAZA.-

Ndakumenyesha ko hambere nakwandikiye nkubwira ko ibintu Gapyisi yatsindiye Biziraguteba, nakubwiye ko Bwana Résident ari mu Rukiko rw'Umwami yategetse ko mubimurekeramo kugeza igihe urukiko rw'Umwami ruzabitegekera. None aje kumbwira ko mwabimwambuye, mukwiliye rero kubimurekera uko Bwana Résident yabitegetse.

L'Administrateur de Territoire,
W. ANTONISSEN.,

1

Impamvu - Gusobanur' urubanza rwa Biziraguteba na sous-chef Rugemintwaza. E.

Kinyamakara, Le 24-4-1956

Kwa Bwana Administrateur wa Territoire ya Astrida

Muriho se?

Ndabamenyesha ko nabony' urwandiko rwanyu rwanditse Le 22/3/56 № 475/A.I rumbgira iby' urubanza rwa Biziraguteba na Gapyisi, ku' itegeko rya Bwana Résident w' urwanda, rivuga ko Gapyisi, agomba gusubiza Biziraguteba ibyo yamutindiye byose ngo kuzageza igihe urukiko rw' Umwami ruzasubirira muri urwo rubanza rwabo. kand' uvuga ko Biziraguteba yaje kukubgira ko twabimwambuye.

Mbese ko harih' urwandiko rw' igisubizo nabandikiye Le 9/3/56 rwabasobanuriraga iby' urwo rubanza neza, mbaraba ko namwe mwabisobanurira Bwana Résident, mukurikij' urwandiko rwanjye naandikiye Bwana A.T.A Gillet nkurikij' urwandiko rwe yari yanyandikiye, kandi rero naw' ubge yaj' iwanjye arikumwe na Chef Gutarewuara. mbibasobanurira bombi na Biziraguteba yarahari, hari Le 20/3/56 rero maze kubibasobanurira, bavuze ko Urwo rubanza rugumba uko rwakijijwe, kugez' igihe urukiko rw' Umwami ruzarusubiriramo.

Dor' Impamvu zituma, ubu Biziraguteba adashobora gutaha bg' ibya Gapyisi, nizi: a) Gapyisi niwe nyir' isambu, n' Urutoke n' ibya se na sekuru. Se wa Biziraguteba ya Bibasanzemo, hanyuma abanyaga bimwe basigarana igice gitoya. Gapyisi ahaba se wa Biziraguteba, akiriho agaz' aho ahamusiga kugez' ubu Biziraguteba, ashaka kubimwaranamo (b) Mbese Gapyisi namara kubimuha kand' urubanza rwe rutararangira, azamena ate eyanguwa se abana be n' Umugore we bazatungwa niki?

2/

c) Kandi rero ubu Gapyisi yahinze imirima ye yose, harimo, Amasaka, Ibishyimbo, Ibijumba nibindi. Biziragutaba ashobora kubisarura? Gapyisi w'akameri ate?

Mbese ye ubgo Biziragutaba ari ugutamura ntibyashoboka ko yaba yihanganye kugez'aho urukiko rw'Umwami ruzasubira muruzwo rubanza ? yamara kumutind'akabona kumubisa mubintu bye!

Naho kuvuga ngo Twarabimwambuye, ntabgo. kuko ntabgo yabyigeze ntibyigeze kuba ibyabo kuva se agituwara kugeza ku batware 2 bazunguye se wa Biziragutaba nanjye wa 3. rero kugiranga ashake gukur'Umuntu mubintu atigeze biakomeye

Jyewe ntekereza ko Bwana Resident, Biziragutaba yaramushuka nyamara amubgui uko yishakira. Lero amusubiz'atabanje kumenya no kutegereza ko ahijij' Umuntu umwe. Und'agapfa lero nabandikiye mbasaba ko mwabisobanurira Bwana Resident neza mukurikij' Urwandiko nabandikiye. kuko yumvise ibya Umwe avuga akamwemerera atabanji je kumv'iby'undi.

Kandi rero nabony'urwandiko rwa chef ruvuga ngo niba Gapyisi atararangiza guhing'imirima ye ngo azareke. Biziragutaba ayihinge rero ngiye yo nsanga yarayihinze yose ahigaje Imigende 2. mubgiye kuyiha Biziragutaba aranga mwohereza kuba chef ngo amwibgirire

Lero Biziragutaba arafit'amahane menshi kumusozi ngo kuko se ariwe wahoz'atwar'Uwomusozi, lero afit'imanza abaana ni'abantu bo kumusozi wahoz'utwarwa nase, nanjy'amaz'iminsi ander'ubusa tuburana mutinda, none mbasabye ko mwakutegereza Imfamvu za Biziragutaba neza mukazimenya kuko ashaka kujyaza akababeshya ngw'ararengana kandi ariw'uhagura

Mbasezeyeho Njyewe sous-chef Rugemintwaza E.